# INAMA Y'UMUTEKANO YASABYE KO UBUJURA BW'AMATUNGO BUKUMIRWA

Ku gicamunsi cyo kuwa 23 Ugushyingo 2023 Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere yayoboye ku cyicaro cy'Akarere inama y'umutekano yaguye y'Akarere. Abitabiriye basabwe ubufatanye by'umwihariko buri kwibasira amatungo cyane cyane inka, hagakorwa irondo rihoraho kandi rikagenzurwa neza kuko iki kibazo kigomba kurangira. Ni inama yitabiriwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. of Police Francis Karemera, Umuyobozi w'Urwego rw'Inkeragutabara, abakuriye sitasiyo za Polisi mu Mirenge, abakuriye inkeragutabara mu Mirenge, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari n'abahuzabikorwa b'urwego rwa DASSO mu Mirenge.

Uretse iki kibazo cy'ubujura bw'amatungo, abitabiriye barebeye hamwe uko umutekano wifashe muri rusange n'ingamba zo gukomeza kuwusigasira hibandwa ku ikorwa ry'amarondo kandi akagenzurwa neza, kandi biyemeje gukomeza guhanahana amakuru mu rwego rwo gukumira icyaha kitaraba.











# BA MUDUGUDU MU ISHURI YO MU MURENGE WA NYARUBAKA BAKOREYE URUGENDOSHURI KU BIRO BY'AKARERE




Ibiganiro n'aba banyeshuri byanitabiriwe na VM ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, Umujyanama wa Komite Nyobozi y'Akarere n'Umukozi w'Akarere ushinzwe uburezi.



Ku gicamunsi cyo kuwa 30 Ugushyingo 2023, VM ushinzwe iterambere ry'ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel, yakiriye ba mudugudu mu ishuri (abanyeshuri bahagarariye imidugudu mu mashuri) bo mu Murenge wa Nyarubaka baje mu rugendoshuri ku biro by'Akarere mu rwego rwo kumenya imikorere y'inzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta, kumenyekanisha iyi gahunda ya Menya nkumenye nubura nkubazwe no gukora ubuvugizi ku banyeshuri bahagarariye.



Iki gikorwa cyateguwe ku bufatanye na FH Rwanda yari ihagarariwe na bwana HITIMANA Muhirwa Eric n'Ubuyobozi bw'Umurenge wa Nyarubaka bwari buhagarariwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Umurenge Bwana Kamegeri Alexandre n'Umukozi ushinzwe uburezi mu Murenge Mme Uwitonze Devotha n'abayobozi b'ibigo bahagarariye abandi ndetse n'umubyeyi uhagarariye komite z'ababyeyi ku mashuri.







# RUGALIKA: HAKOZWE INAMA Y'UMUTEKANO YAGUYE Y'UMURENGE












Ku biro by'Umurenge wa Rugalika tariki 29 Ugushyingo 2023 hateraniye inama y'umutekano iyi nama ikaba yanitabiriwe n'itsinda ry'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere ryari riyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uziel bakiriwe n'Umukozi Ushinzwe imari n'ubutegetsi bwana NDAYISENGA Frederic. Hagarutswe ku kurebera hamwe uko umutekano wifashe muri rusange n'ingamba zo gukomeza kuwubungabunga.

Kuri iyi ngingo abitabiriye basabwe gukomeza ubufatanye hagamijwe gukumira ubujura by'umwihariko bwibasiye amatungo (inka). Umuyobozi w'Akarere Wungirije yasabye ko habaho gukora amarondo ku buryo bunoze kandi akagenzurwa neza kuko irondo riramutse rikozwe nta bujura bwabaho. Uretse iki kibazo cy'ubujura, muri iyi nama kuri gahunda zihutirwa zikeneye ubukangurambaga (mutuweli, Ejo Heza, hagarutswe ku isuku n'isukura ndetse abayobozi bose bitabiriye bibukijwe ko bafite uruhare rukomeye mu gukumira imiturire y'akajagari muri iki gice cy'Umujyi kugira ngo ubutaka bukoreshwe neza kandi icyo bwagenewe.

Hafashwe imyanzuro iganisha ku kubumbatira umutekano, abitabiriye biyemeje kwirinda imiturire y'akajagari biyemeje kandi no kurwanya ruswa n'akarengane.

# RUKOMA HATANGIRIJWE ICYUMWERU CY'UBUZIMA BW'UMWANA N'UMUBYEYI





IUmuyobozi w'Akarere Wungirije yasabye inzego zose ubufatanye mu bikorwa bigamije kwita ku buzima bw'umwana n'umubyeyi, yibutsa ko bazakomeza gukora ibishoboka byose ngo ubuzima bw'umwana n'umubyeyi dukomeze kububungabunga kandi habeho uburyo bwo gukurikirana imikurire y'abana bacu.

Mu Murenge wa RUKOMA ku Kigo Nderabuzima cya Rukoma niho Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee yatangirije ku mugaragaro icyumweru cyahariwe buuzima bw'umwana n'umubyeyi kuva tariki 27-02/12/2023.

Mu butumwa bwatangiwe ku kigo nderabuzima cya Remera Rukoma, hagarutswe ku gaciro k'ubuzima bw'ababyeyi n'abana yagarutse no ku bikorwa bitandukanye bizakorwa harimo gupima imikurire y'abana, gutanga Vitamini A, ibinini by'inzoka , kuboneza urubyaro, kwita ku bikorwa by'Isuku n'isukura hagamijwe guharanira imibereho myiza y'umwana n'umubyeyi.







# UBUYOBOZI BWA WASAC BWIYEMEJE GUKOMEZA GUTANGA SERIVISI NZIZA KU BAFATABUGUZI







Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe gukwirakwiza amazi mu gihugu Prof. Omar MUNYANEZA yijeje ubuyobozi bw'Akarere imikoranire ya bugufi mu rwego rwo guharanira imitangire inoze ya serivisi z'amazi ku bafatabuguzi.

Ibi yabitangarije ubuyobozi bw'Akarere ku mugoroba wo kuwa 27 Ugushyingo 2023 ubwo ubuyobozi bw'Akarere bwakiraga itsinda ryaturutse muri WASAC Group, aba bayobozi bari baje kureba uko serivisi z'amazi zihagaze mu Karere ndetse no kungurana ibitekerezo n'ubuyobozi bw'Akarere ku bikwiye kwitabwaho mu rwego rwo gukomeza gukwirakwiza no guteza imbere imitangire ya serivisi ku bafatabuguzi b'amazi.



-Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel yashimiye WASAC ku bw'imikoranire myiza iranga iki kigo n'ubuyobozi ariko yifuza ko serivisi z'amazi mu karere zanozwa, cyane ko muri iki gihe akarere kamaze kubona ishami ryihariye mu karere, kuko mbere byarushyaga abafatabuguzi gukurikirana no kugaragaza ibibazo byabo bafite mu by'amazi.

ibi biganiro byanitabiriwe na VM ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, umuyobozi wa WASAC mu Karere ndetse n'umujyanama wa komite nyobozi y'Akarere ka Kamonyi.

# MINISITIRI TWAGIRAYEZU YASABYE ABANA GUHORA BAZIRIKANA KO ISHURI ARI UMUSINGI W'UBUZIMA BWABO BW'EJO HAZAZA.

Ubwo kuwa gatandatu tariki 25 ugushyingo 2023 Minisitiri w'uburezi mu Rwanda bwana TWAGIRAYEZU Gaspard yifatanyaga n'ubuyobozi ndetse n'abaturage mu muganda rusange usoza ukwezi wabereye kuri GS Sancta Maria mu Murenge wa Gacurabwenge, mu kiganiro yagiranye n'abanyeshuri nyuma y'umuganda yasabye abana kwiga bashyizeho umwete kuko ishuri ariwo muyoboro w'ubuzima bwiza bwabo ejo hazaza.





Uwo munsi kimwe n'ahandi mu gihugu mu Mirenge yose uwo munsi habaye umuganda rusange wibanze ku gufata neza ibikorwaremezo, kubungabunga ibidukikje, kurwanya isuri gutera ibiti bivangwa n'imyaka, gutera ibiti by'imbuto, kubakira abatishoboye.



Ku rwego rw'Akarere umuganda witabiriwe na Minisitiri w'Uburezi bwana TWAGIRAYEZU Gaspard, akaba yari mu Murenge waGacurabwenge ahabereye Umuganda w'amashuri yari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr.NAHAYO Sylvere hari kandi Umuyobozi wa Police mu Karere Supt Francis KAREMERA n'Umuyobozi Ushinzwe abinjira n'abasohoka mu Karere, uyu muganda wanitabiriwe n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akarere bwana Abiyingoma Gerard.



# I MUSAMBIRA HATANGIRIJWE ICYUMWERU CYO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE

Mu Murenge wa Musambira mu Kagari ka Buhoro niho hatangirijwe ku rwego rw'igihugu icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa n'akarengane kuva 25/11 kugeza 08/12/2024. Iyi gahunda yakozwe nyuma y'umuganda rusange wahuje abaturage n'abayobozi babo muri uwo murenge ku musozi wa Kantare.




Ni igikorwacyari kigamije kongera kwibutsa buri muntu ko ruswa ari ikibazo kandi ko imunga ubukungu bw'igihugu. Mu butumwa bwatanzwe abitabiriye basabwe kugira uruhare mu gutanga amakuru ku byaha bya ruswa kandi bagafatanya mu bikorwa bigamije kwimakaza imiyoborere myiza ishingiye ku gukorera mu mucyo.



Umuvunyi Mukuru Mme NIRERE MADELEINE yibukije ko ruswa ari inzitizi ikomeye ku iterambere ry'igihugu kandi ko buri wese ahamagarirwa gukora ibishoboka byose kugira ngo ruswa ikumirwe kandi irwanywe bifatika.



iki gikorwa cyanitabiriwe n'Umuvunyi Mukuru Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa Mme Yankurije Madeleine. Gahunda yanaranzwe n'urugendo rwitabiriwe n'abaturage n'abayobozi babo; rwo kwamagana ruswa n'akarengane aho iva ikagera.



Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel n'abakozi b'urwego rw'Umuvunyi nabo bitabiriye iki gikorwa, hari kandi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Musambira Mme Nyirandayisabye Christine.

# ABADEPITE BASUYE AKARERE MU BUGENZUZI KURI SERIVISI Z'RANGAMIMERERE ZIHABWA ABATURAGE



Tariki 24 Ugushyingo 2023, itsinda ry'abadepite mu nteko ishinga amategeko baharanira imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage (RPRPD) rigizwe na Hon. RWAKA Pierre Claver na Hon. UWINEZA Beline basuye Akarere mu rwego rwo kumenya imikorere y'irangamimerere n'ibarurishamibare bakoreye uruzinduko mu Karere ka Kamonyi. By'umwihariko gahunda yabo yibanze ku kureba uko serivisi zo kwandika abapfuye n'abavuka mu bitabo by'irangamimerere ikorwa ndetse no kujya inama ngo izi serivisi zirusheho kwitabirwa na buri wese.



Ubuyobozi bw'Akarere bwari buhagarariwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel mu kiganiro ku Karere cyitabiriwe n'abagize komite nyobozi y'Akarere, Umuyobozi w'Ibitaro bya Remera Rukoma, Umuyobozi wa Komisiyo y'Imibereho myiza muri JADF, abakozi b'Akarere bashinzwe imiyoborere myiza, ubuzima, igenamigambi n'ibarurishamibare.





Nyuma y'inama ngufi ku Karere igikorwa cyakomereje ku gusura Imirenge ya Nyamiyaga na Ngamba n'ibigo nderabuzima bya Nyamiyaga na Karangara.

# HAKOZWE AMATORA YO AMATORA YO KUZUZA KOMITE Y'INZEGO ZA CNJ & NCPD

Kuwa 24 Ugushyingo 2023, ku Karere habereye amatora yo kuzuza komite y'Inama y'Igihugu y'abafite ubumuga ku Karere ( hatowe komiseri ushinzwe ubutabera muri NCPD) habaye kandi amatora yo kuzuza Komite y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere-CNJ (hatowe Umunyamabanga muri CNJ ku rwego rw'Akarere, komiseri ushinzwe ubukungu na Commissaire ushinzwe ubutabera n'amategeko muri iyi komite).





Iki gikorwa cyayobowe n'abakorerabushake ba komisiyo y'amatora kikaba cyakurikiranwe n'umukozi ushinzwe imiyoborere myiza mu Karere Mme MUREKATETE Goretti







# KOMITE Y'ABAFITE UBUMUGA YAKOZE INAMA ITEGURA UMUNSI W'ABAFITE UBUMUGA

Ku biro by'Akarere habereye inama yayobowe n'Umuyobozi w'Ishami ry'imibereho myiza mu Karere Mme MUSABYEMARIYA Christine. Iyi nama yitabiriwe n'umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga bwana NZIGIYIMANA Michel ari kumwe n'abagize komite mu Mirenge no ku Karere.

Muri iyi nama hagarutswe ku myiteguro yo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'abafite ubumuga uzaba kuwa 03 Ukuboza 2023, harebwe kandi imigendekere y'igikorwa cyo kubarura abafite ubumuga mu Karere mu rwego rwo gukomeza guharanira imibereho myiza yabo.

Abayobozi mu nzego z'abafite ubumuga biyemeje gukora ubukangurambaga kugira ngo uyu munsi uzitabirwe kandi ku gipimo gishimishije, uyu munsi ukaba uzabera mu Murenge wa Karama ku rwego rw'Akarere ka Kamonyi.









# ABAGIZE FORUM Y'AMAKOPERATIVE BIYEMEJE GUKEMURA IBIBAZO BY'IMICUNGIRE ITANOZE HAMWE NA HAMWE



Abagize forum y'amakoperative batowe biyemeje kugira uruhare mu gukemura ibibazo biri mu micungire y'amakoperative amwe n'amwe hagamijwe imikorere inoze iganisha ku gufasha umunyamuryango kugera ku nyungu za koperative abarizwamo.



ibi byavugiwe ku biro by'Akarere, kuwa 23 Ugushyingo 2023 mu nama yabayemo amatora y'abagize Forum, iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel yayoboye inama yari yatumiwemo abayobozi b'amakoperative akorera mu Karere.Muri iyi nama yari igamije gutangiza ku mugaragaro Forum y'amakoperative ku Karere (District Cooperative Forum-DCF), hagaragajwe ko iyi komite yo rwego rw'Akarere iyobowe na Visi Meya Ushinzwe ubukungu, ikazaba ifite inshingano zo gukurikirana mu makoperative nib anta bibazo bihari bakajya inama z'uburyo byakemurwa. Igizwe kandi n'umukozi ufite mu nshingano amakoperative, uhagarariye amakoperative ari mu Karere watowe na bagenzi be, abagize inzego z'umutekano.



Iki gikorwa cyo gushyiraho iyi komite nkuko amabwiriza ya RCA abiteganya, cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'Amakoperative mu Ntara y'Amajyepfo bwana HAMISI Jean Damascene n'abandi bakozi ba RCA.



# HAKOZWE UBUGENZUZI KU KWINJIZA IMISORO N'AMAHORO MU KARERE

Tariki 17 Ugushyingo 2023, itsinda ry'abakozi ku Karere riyobowe na Shingiro Faustin umubaruramari w'imisoro n'amahoro bari kumwe n'abakozi mu Murenge n'inzego z'umutekano, basuye ku isoko rya Musambira mu Murenge wa Musambira mu gikorwa cyo kugenzura imyishurire y'imisoro n'amahooro.



Harebwe muri rusange niba abacuruzi barishyuye ipatanti, ubukode bw'ibibanza n'ubukode bw'inyubako z'Akarere ziri ku isoko rya Musambira. Muri iki gikorwa hanabayeho gusinya amasezerano y'ubukode bw'inyubako n'ibibanza ku isoko rya Musambira









# HASHOJWE AMAHUGURWA Y'ABUBATSI B'AMAHORO

Tariki  17 Ugushyingo 2023 ku biro by'Umurenge wa Runda nibwo hashojwe amahugurwa yahawe abubatsi b'amahoro mu Mirenge ya Ngamba na Runda. Aba bahuguwe batojwe ku kwiteza imbere hashingiwe ku kwizigamira, habayeho kwigisha no kubiba amahoro aho batuye. Ni ibiganiro bitegurwa mu rwego rwo gukomeza kubaka umuryango uzira amakimbirane hashingiwe ku kwimakaza imibanire myiza.

Aba bahuguwe nabo bafite inshingano zo guhugura abandi mu Tugari batuyemo no gukurikirana umusaruro w'iyi gahunda yo gukira ibikomere by'uburyo butandukanye.

Iki gikorwa cyitabiriwe na Dr. Jean Bosco NIYONZIMA umuyobozi w'Umuryango UBUNTU CENTRE FOR PEACE, hari kandi bwana NDAYISABA Jean Pierre Egide Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Runda, n'umukozi w'Akarere ukurikirana ibikorwa by'Itorero mu Karere Mme MUKAGIHANA Epiphanie. Hari kandi abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari tugize Umurenge wa Runda.









# MURI ES MUSAMBIRA HABAYE IBIGANIRO KU KUBAKA AMAHORO ARAMBYE



Muri ES Musambira, ku gicamunsi cyo kuwa 15 Ugushyingo 2023 habereye ibiganiro byateguwe ku bufatanye na CARSA, umuryango uharanira isanamitima no kubaka ubumwe n'ubudaheranwa.



Ibi biganiro byitabiriwe n'abanyeshuri ndetse n'abarezi bo muri ES Musambira, byitabiriwe kandi n'Umukozi ushinzwe imari n'ubutegetsi mu Murenge wa Musambira Mme NYIRAMANA Gaudence wari uhagarariye ubuyobozi bw'Umurenge.



Abitabiriye bagejejweho Ikiganiro ku kubaka amahoro arambye cyayobowe na bwana Mbonyingabo Christophe umuyobozi w'umuryango CARSA.

Abanyeshuri bahawe umwanya wo kubaza ibibazo ku kiganiro cyatanzwe ndetse bihabwa ibisubizo.



# HAKOZWE AMAHUGURWA KU MYITEGURO YO GUTERA IMITI YICA IMIBU ITERA MARALIYA

Ku wa 07 Ugushyingo 2023 ku bufatanye bw'Akarere na Minisiteri y'Ubuzima, uyu munsi mu Murenge wa RUKOMA habereye amahugurwa yateguwe mu rwego rw'imyiteguro yo gutera umuti wica imibu mu mazu itera indwara ya Malariya.



Ni amahugurwa yakomeje kuri uyu wa kabiri akaba yitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge bwana MANDELA Innocent akaba yaganirije aba bajyanama b'ubuzima abasaba kuzakora neza igikorwa tugiye kwinjiramo, kugira ngo twese dukomeze ubufatanye mu kurwanya imibu ikwirakwiza indwara ya Malarira.







# INZEGO ZOSE ZASABWE UBUFATANYE KU BIKORWA BY'ISUKURA NO KURWANYA IGWINGIRA



Ku wa 03 Ugushyingo 2023, ku Karere hateraniye inama yahuje abagize komite ishinzwe gukurikirana ibikorwa by'isuku no kurwanya igwingira mu Karere, yari yanatumiwemo bamwe mu bakozi bo ku Mirenge ya Runda, Gacurabwenge, Rugalika na Musambira n'Utugari dukora ku muhanda wa kaburimbo.



Muri iyi nama hagarutswe ku kwita ku bikorwa by'isuku n'isukura mu Karere muri rusange, hakabaho ibikorwa byo kurimbisha ahantu hose mu buryo buhoraho haterwa indabo kandi mu buryo bubereye ijisho. Inzu zitarangiye hemejwe ko ziigomba kubakwa, ibibanza bitubatse bigahingwa kuko nabyo biteza umwanda.
Umoyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere niwe wayoboye iyi nama akaba yibukije ko isuku igomba kuba umuco kandi abayobozi bakaba nyambere mu gushishikariza abaturage kumva ko bakwiye guhorana isuku mu buzima bwabo bwa buri munsi. Iyi nama yanitabiriwe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee.



iyi nama yakozwe mu gihe hirya no hino mu Karere hakomeje kuba ibikorwa by'ubugenzuzi hagamijwe kureba niba amabwiriza y'isuku yubahirizwa ndetse no gusuzuma niba ko abaturage bumva icyerekezo ubuyobozi bwifuza mu bikorwa by'isuku n'isukura.



# HASABWE UBUFATANYE MU KUMENYEKANISHA ITEGEKO RIRENGERA UMUGUZI



Tariki 29 Ugushyingo 2023 mu Murenge wa Runda hatangijwe amahugurwa yamaze iminsi 2 yari agamije kumenyekanisha ibikubiye mu itegeko rirengera umuguzi wa servisi z' imari no gushyiraho ambassadors b'uburenganzira bw' uwo muguzi.

Amahugurwa yateguwe na Banki Nkuru y'igihugu ku bufatanye n'izindi nzego zifite mu nshingano kurengera umuguzi barimo umuryango ADECOR.



Ibiganiro byitabiriwe n' ibyiciro bitandukanye (abahagarariye inama y' igihugu y'urubyiruko n' iy' abagore, abakozi b' Akarere, abikorera, abahagarariye amadini, abayobozi b' ibigo by' amashuri...).

Ibiganiro byatangijwe ku mugaragaro n'Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel, aho mu butumwa bwe yasabye ubufatanye mu kumenyekanisha iri tegeko rirengera umuguzi, kuko usanga abenshi batari kandi ari mu nyungu za buri muntu kurimenya.

.





NewsLetter yatunganyijwe na:

Faustin NTAKIRUTIMANA

"Public Relations, Media & Communications"